



Hari uburyo bwinshi bwo gupima lead mu rugo rwanjye.

Bumwe mu buryo bwo gupima lead ni bwiza kurusha ubundi. Buri buryo buba budandukanye ku kiguzi, igihe n'ibisubizo by'ukuri. Abana benshi banduzwa n'uburozi buturuka ku butare bwa plomb buva mu mukungugu uterwa n'irangi ririmo lead Ni yo mpamvu ari ingenzi gupima ko irangi ririmo umukungugu n'umucucu wa lead niba utuye mu nzu yubatwe mbere ya 1950.

Irangi n'umukungugu

Hari uburyo bwinshi bwo gupima ko irangi n'umukungugu birimo lead. Buri buryo bufite ibyiza n'ibibi.

Ibikoresho byo gupimira mu rugo

Ushobora gukoresha ibikoresho byo gupimira mu rugo ugura mu iduka ry'ibikoresho kugira ngo upime lead mu irangi riteye. Ibi bipimo bikubwira gusa niba harimo lead hasi. Ntibizakubwira niba hari irangi ririmo lead **ritwikiriwe** n'igice cy'irangi ritarimo lead. Ni ingenzi cyane mu gupima ibiti biteye irangi byavungutse cyangwa byangiritse. Ibikoresho byo gupimira mu rugo ntibihenda.

Ibikoresho bihanagura lead

Lead ni uburyo rusange abana banduzwa n'uburozi muri Maine. Ushobora gupima umukungugu wa lead hasi no ku bice byo hasi by'idirishya mu rugo rwawe cyangwa ugaha akazi inzobere mu byalead akabigukorera. Ushobora kubona igikoresho cyo gupima lead muri Laboratari ya Leta ya Maine kuri 287-8014. Kumenya niba ufite umukungugu wa lead ku gice cyo hasi cy'amadirishya cyangwa hasi bishobora kugufasha kurinda abana bawe lead.

Inzobere mu bya lead

Ushobora guha akazi inzobere mu bya lead igapima urugo rwawe. Bafite ibikoresho bituma bapima lead mu irangi, nubwo yaba itwikiriwe n'ibice by'irangi rishya ritarimo ubutare. Bashobora gupima urugo rwose cyangwa ibyumba byatoranyijwe. Nubwo aya mahitamo ahenze cyane, anakubwira kandi byinshi ku rugo rwawe. Ushobora kubona urutonde rwo gupima lead kuri 287-2651 cyangwa mu gice cya ba nyir'amazu kuri maine.gov/healthyhomes.

Ubutaka cyangwa amazi

Muri Maine, ubutaka n'amazi akenshi ntibitera uburozi bwa lead. Ariko hari ibihe ubwo bishobora kuba ari igitekerezo cyiza gupima ko ubutaka n'amazi birimo lead.

Gupima lead mu butaka

Niba ufite inzu yubatswe mbere ya 1950, ugomba gufata ko hari lead mu butaka buyegereye. Ntuhinge imboga muri fiti 10 uvuye ku nzu cyangwa ngo utume abana bawe bahakinira.

Abana bawe nibakinira mu mwanda cyangwa niba bakunze gushyira itaka mu kanwa kabo, pima ubutaka urebe ko burimo lead. Ushobora kubona igikoresho cyo gupima muri Laboratwari ya leta ya Maine kuri 287-8014 cyangwa kuri University of Maine Extension kuri 581-3591.

Gupima lead mu mazi

Lead yo mu mazi iva mu matiyo. Iyo amazi yawe yangiritse ashobora kwivanga na lead solder yo mu matiyo akoze muri kwivure.

Niba amazi yawe ava mu kigeza rusange wahamagara ikigo kiguha amazi ukamenya ibisubizo by'ibizamini birehuka gufata cyangwa ukamenya uko upima amazi.

Niba amazi yawe ava mw'iriba bwite, wayapima ukareba ko arimo lead n'ibindi bibazo. Pima amazi yo mu iriba ryawe niba ufite umwana muto cyangwa niba uri kubona ikizinga cy'icyatsi aho amazi atonyangira (nk'urwiyuhagiriro cyangwa lavabo). Menya uko wapima amazi yo mw'iriba ryawe kuri: wellwater.maine.gov cyangwa uhamagara 866-292-3474 (numero itishyurwa muri Maine).

Rinda umuryango wawe.

- Reba uru rubuga: maine.gov/healthyhomes
- Hamagara usabe inama: **866-292-3474** • TTY: **Hamagara Numero ihamagarwa n'abafite ubumuga muri Maine 711**

